**WORLD MISSION HIGH SCHOOL**

**CCMKN 401 IKINYARWANDA KIBONEYE**

# UMUKORO WO MU RUGO

**AMABWIRIZA**

1. *Andika ibisubizo ku rupapuro rufite isuku.*
2. *Ca umurongo buri uko urangije ikibazo.*
3. *Igihe cyo gutanga ibisubizo: ku wa 19/Mutarama/2026/ Mu gitondo.*

## IKORANABUHANGA MU GUKEMURA IBIBAZO

Ikoranabuhanga ni ijambo ry'icyaduka iwacu mu rurimi rw'ikinyarwanda. Ikoranabuhanga rizwi ku izina mvamahanga nka "Tekinoloji" rigaragarira mu nzego nyinshi z'imirimo. Ubu buryo bugezweho mu kunoza no kwihutisha ubushakashatsi, itumanaho n'imitunganyirize y'imirimo itandukanye bwihutisha iterambere uko bwije n'uko bukeye.

Abasheshe akanguhe hamwe n'abandi badutanze kubona izuba, bavuga ko abanyarwada bo hambere bari bafite ubumenyi buhambaye;bazi kwirwanaho ngo babone umuriro bakoresheje urushingo n'urushingati, bazi uburyo bwo kwivura indwara zitandukanye. Bari bashoboye kubyaza imyambaro imivumu bifashishije imangu, ari byo bitaga gukoma impuzu! Si ibyo gusa, bashoboraga gutumanaho bakoresheje umurishyo w'ingoma cyangwa ihembe kuko nta interineti, teregaramu, fagisi cyangwa terefoni byababagaho. Umwami yashakaga guca umuntu mu gihugu ke bakavuza urusengo bashaka kugaragaza ko bamuciye burundu mu gihugu!

Vuba aha, abazungu badukanye ibibiriti, imyenda ikorerwa mu nganda, itumanaho rikoresha ibyuma bikoranye ubuhanga buhanitse, ibikoresho n'imiti by'i Bwotamasimbi, ugira ngo hari umunyarwanda wongeye kwita ku bumenyi yari asanganywe? Ntiyongeye gutekereza kwihamurira umuti w'ishyamba cyangwa ngo yirwaneho mu bindi byavuzwe mbere. Ashwi da!

Ibya Kazungu byadukomye mu nkokora duta urwo twari twambaye, twisanisha n'abanyamahanga. Cyakora ntawahugira mu bya kera, ibyiza ni ukujyana n'ibigezweho bigaragara ko bifitiye igihugu akamaro, bigafasha umunyagihugu gutera intambwe yivana mu bukene. Mu kinyejana tugezemo ndetse n'ikizaza, usanga ikoranabuhanga ari ingenzi cyane cyane mu mashuri, haba ku banyeshuri, ku barimu, ku bayobozi b'ibigo by'amashuri, ku babyeyi no ku bafatanyabikorwa banyuranye[...]

**Ibibazo byo kumva umwandiko / Amanota 12**

1. Ikoranabuhanga ni iki?
2. Sobanura uburyo ikoranabuhanga ari ingirakamaro mu burezi.
3. Tanga impamvu ikoranabuhanga rishobora kwihutisha iterambere.
4. Ni izihe ngaruka z'ikoranabuhanga rikoreshejwe nabi?
5. **Koresha amagambo akurikira uhimbe interuro ziboneye. Wirinde kwandukura izo mu mwandiko.**

    a) Abasheshe akanguhe

    b) Guhamuraumuti

    c) Gukoma mu nkokora

    d) Impuzu

II. **IKIBONEZAMVUGO**

6. **Tahure inshinga mburabuzi, inshinga ziri mu mbundo n'inshinga zitondaguye mu nteruro zikurikira: /5**

    a) Ikoranabuhanga ni ingenzi.
    b) Ikoranabuhanga ryihutisha iterambere .
    c) Kurya no kuryama byubaka umubiri.

**7. Himba interuro mu ndango yemeza n'indango ihakana,ukoresheje: /4**

a) inshinga itondaguye.
b) inshinga iri mu mbundo.

**8. Kosora aho ubona ari ngombwa ukurikije amasano y'Abanyarwanda. /4**

a) Nagiye gusura papa w'umugabo wange mu bitaro,ngezeyo mpahurira na musaza wa mama.

b) Umugore w'umuhungu wange azanzanira abana babo mu kiruhuko.

**- IHEREZO -**